REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE et DU
MOUVEMENT COOPERATIF

Lettre

Arc page
15

15 MARS 1984

926 /15.08.01

Bwana Perezida w'Ikipe ZAZA SPORTS FC
C/o Komini MUGESERA
Perefegitura KIBUNGO

Bwana Perezida,

Nkulikije ibaruwa yawe yo kuwa 3 Mutarama 1984 usaba kwiyandikisha mw'irushanwa ry'umupira w'amaguru ry'uyu mwaka w'1984, ndakumenyesha ko ubyemerewe, aliko ukagomba kuzuza ibi bikulikira :

- Kugira ubuzima gatozi (personnalité juridique)
- Kwishingira abakinnyi (assurance des joueurs)
- Kuzana ilisiti y'abakinnyi, amafoto no kuzana amafaranga yo kugura amakarita.
- Kumenya no kubahiliza amategeko agenga shampiyona
- Gutanga amafaranga ibihumbi makumyabili (20.000) yo kwiyandikisha.

Uramutse ukeneye ibisobanuro birambuye wazaza kuli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ugasobanulirwa.

Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Major BEM.

REPUBLIQUE RWANDAISE

Kigali, le ....................................................

No /15.08.01

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DES SPORTS
B. P. 1044 Kigali

Bwana Perezida w'Ikipe ZAZA SPORTS FC
C/o Komini MUGESERA
Perefegitura KIBUNGO

Réf. No :

Annexe :

Objet :

Bwana Perezida,

Nkulikije ibaruwa yawe yo kuwa 3 Mutarama 1984 usaba kwiyandikisha mw'irushanwa ry'umupira w'amaguru ry'uyu mwaka w'1984, ndakumenyesha ko ubyemerewe, aliko ukagomba kuzuza ibi bikulikira :

- Kugira ubuzima gatozi (personnalité juridique)
- Kwishingira abakinnyi (Assurance des joueurs)
- Kuzana ilisiti y'abakinnyi, amafoto no kuzana amafaranga yo kugura amakarita.
- Kumenya no kubahiliza amategeko agenga shampiyona.
- Gutanga amafaranga ibihumbi makumyabili (20.000) yo kwiyandikisha.

Uramutse ukeneye ibisobanuro birambuye wazaza kuli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ugasobanulirwa.

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

ZAZA SPORTS F.C.
Komini MUGESERA
Prefegitura ya
K I B U N G O.

Zaza, kuwa 3 mutarama 1984

Demandez tous les éléments nécessaires

Impamvu:
Gusaba kwinjra
muli shampiyona
y'umupira w'amaguru.

Bwana Ministri w'Urubyiruko
n'Imikino
KIGALI.

A traiter par DGSL
Date entrée : 13 JAN. 1984
N° Classement : 209/12 08-01

Bwana Ministri ,

Mbandikiye mbasaba ko ikipe ZAZA Sports F.C. mwayandika muli shampiyona y'umupira w'amaguru y'uyu mwaka wa 1984.

Nubwo iyo kipe ali ubwa mbere isaba kujya mu marushanwa nkayo, ubundi yali isanzwe ikina imikino ya gicuti n'ayandi makipe, ikaba yalitwaga MUGESERA Sports, aliko ubu tukaba twarasanze ali byiza kuyita ZAZA Sports F.C.

Muramutse mubitwemereye, dusanga twakandikwa muli division ya 3, kandi tubaye tubijeje ko tuzubahiliza amategeko n'andi mabwiliza yose muzaduha yerekeranye na za shampiyona mu Rwanda, ali nayo mpamvu tubandikiye mbere yuko iyo shampiyona itangira, kugirango mugize ibyo mwatumenyesha tubimenye mbere.

Twizeye igisubizo cyiza muzaduha.

Prezida wa Equipe ZAZA Sports
NSENGIYUMVA Jean Baptiste.

Bimenyeshejwe :
- Bwana Encadreur w'Urubyiruko n'imikino muli Prefegitura KIBUNGO.
- Bwana Burgumestri wa Komini MUGESERA.

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE et DU MOUVE COOPERATIF

PROCEVERBAL

Arc (1) page (3)

23/8/1985